

**URUHARE RW'IHURIRO MU KUBAKA DEMOKARASI ISHINGIYE KU BWUMVIKANE,
IMIKORERE Y'IHURIRO N'IBYAGEZWEHO MU RWEGO RWA POLITIKI**

Hon. Dr IYAMUREMYE Augustin

Intangiriro

Iki kiganiro nagiteguye mu rwego rw'Inama nyunguranabitekerezo k'Uruhare rw'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki mu guteza imbere demokarasi y'ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu.

Nubwo u Rwanda rwabayemo Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994, ntabwo u Rwanda n'Abanyarwanda bapfuye ngo bazime nk'uko umukoloni yabishakaga. Abakoloni bashatse kwica amateka y'Abanyarwanda, ariko indangagaciro yo kuganira ntabwo yapfuye ngo irangire.

Nshingiye ku biganiro n'inama zinyuranye zabayeho mu mateka ya politiki y'Igihugu cyacu, navuga ko Ihuriro ry'Imitwe ya Politiki ryabayeho mu Rwanda na mbere y'uko ryemezwa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda muri 2003.

Mu mateka y'u Rwanda, dusanga kuganira kw'amashyaka kwaragiye kubaho; ariko ibyo biganiro ntibyageraga ku bwumvikane (consensus) nk'uko bugaragara mu biganiro by'Imitwe ya politiki iri mu Ihuriro kuva ryatekerezwa.

Muri iki kiganiro, turaza kwibanda ku bintu by'ingenzi bikurikira:

- Amavo n'amavuko y'Ihuriro ry'Imitwe ya politiki mu Rwanda;
- Inama n'ibiganiro by'ubwumvikane hagati y'Imitwe ya politiki;
- Ihuriro ry'Imitwe ya Politiki mu gihe cy'Inzibacyuho na nyuma yayo;
- Uruhare rw'Ihuriro mu guteza imbere demokarasi y'ubwumvikane;
- Ibyo Ihuriro ryagezeho mu rwego rwa politiki.

1. Amavo n'amavuko y'Ihuriro ry'Imitwe ya politiki mu Rwanda

Ihuriro ryagiye bishingiye ku bushake bwa politiki (political will) bwo gushaka gukemura ibibazo bya politiki mu nzira z'ibiganiro n'ubwumvikane bw'abakora ibikorwa bya politiki (positive political actors) bari bafite ubushake bwo kubaka Igihugu kirangwa n'imiyoborere myiza.

Twibutse ko mu mateka y'u Rwanda, amashyaka menshi yanabayeho mbere y'Ubwigenge bw'u Rwanda. Ni muri urwo rwego, nyuma yo kwemerwa kw'amashyaka ya politiki mu mwaka w'i 1959, mu rwego rwo "kugerageza gukemura mu mahoro intugunda zari mu Rwanda, abanyapolitiki b'Abanyarwanda bahuye inshuro nyinshi mu biganiro", twavugaga nk'ibiganiro byabereye ku Gisenyi 7-14 Ukwakira 1960, ndetse n'ibyabereye mu Bubiligi (Ostende) kuva tariki ya 7-12 Mutarama 1961. Kubera

kwitambika kw'abakoloni bari babogamiye ku mashyaka atarabarwanyaga, habaye kutumvikana ku kibazo cy'itariki y'amatora n'uko amashyaka yagombaga guhagararirwa mu buyobozi bushya bw'Igihugu. icyakurikiye ni ihirikwa ry'ubutegetsi ryabereye i Gitarama.

Igitekerezo cyo kwishyira hamwe mu rwego rwa politiki cyongeye kuvuka nyuma y'aho amashyaka akomorewe muri 1991. Amashyaka ataravugaga rumwe na MRND-CDR yakoze icyiswe FDC (Forces Democratiques de Changement). Kwifatanya byabahaye ingufu zo gushobora kujegajeza ubutegetsi bw'Akazu. Ariko FDC yaje gucikamo ibice bamwe mu bari bayigize bayoboka Hutu-Power yagize uruhare muri Jenocide yakorewe Abatutsi.

Ingabo za APR zimaze guhagarika Jenocide, nyuma y'itangazo rya RPF n'Amasezerano hagati y'Imitwe ya politiki FPR, MDR, PDC, PL, PSD, PSR na UDPR yerekeye ishyirwaho ry'inzego z'ubutegetsi bw'Igihugu, imitwe ya politiki yari yibumbiye muri FDC itari yagize uruhare muri Jenocide, yiyemeje kureka iyo nyito kuko Guverinoma y'Ubumwe bifuzaga yari imaze gushyirwaho. Kuri bo imitwe ya politiki yose yari muri Guverinoma yagombaga gushyiraho urubuga (*plateforme*) yahuriraho hamwe na FPR. Twavugaga ko ari uko Ihuriro ryavutse.

2. Inama n'ibiganiro by'ubwumvikane hagati y'Imitwe ya politiki

Ihuriro ryatangiranye ubushake bwo kuganira no gushyirwaho ubwumvikane muri politiki mu rwego rwo kubaka Igihugu. Ibyo bigaragarira mu nama no mu biganiro byakozwe hagati y'Imitwe ya Politiki irigize haba mbere y'uko rijyaho ndetse no kugeza ubu.

2.1. Inama yo ku wa 27-30 Mata 2001

Iyi ni inama ikomeye cyane mu mateka ya politiki y'u Rwanda no mu mateka y'Ihuriro by'umwihariko. Inama yabereye ku Gisenyi muri Hotel IZUBA, ihuza imitwe ya politiki FPR Inkotanyi, MDR, PSD, PL, PDC, PDI, UDPR, na PSR, ikaba yari igamije kurebera hamwe aho Abanyarwanda bari bageze bubaka ubumwe, ubwiyunge, ubutabera, n'ubuyobozi bwiza, mu rwego rwo gukomeza kubaka Igihugu cyari gisohotse muri Jenocide yakorewe Abatutsi muri 1994. Muri icyo nama abayobozi b'Imitwe ya politiki bunguranye ibitekerezo ku bibazo by'ingutu byari biremereye Igihugu birimo ikibazo cy'amoko mu Rwanda, ikibazo cy'imiyoborere, ikibazo cy'ubwiyunge, n'ikibazo cy'ubutabera.

Nyuma yo gusesengura ibi bibazo byose, abayobozi b'Imitwe ya Politiki, bafashe imyanzuro inyuranye yafashaga gukomeza kubaka Igihugu mu rwego rwa politiki no gutuma Abanyarwanda bagira ubumwe n'ubwiyunge, byari ibintu bya ngombwa cyane kugira ngo abantu bakomeze gusana umuryango nyarwanda wari washegeshwe na Jenocide.

2.1.1. Ikibazo cy'amoko

Ku kibazo cy'amoko, abayobozi b'Imitwe ya politiki bahuriye hamwe bemeranywa ko Abanyarwanda basangiye byinshi bibahuza birimo: ibisekuru, ururimi, umuco, gutura hamwe, amateka amwe n'ibindi byinshi. Ikindi, basanze abanyapolitiki barakoresheje iturufu y'amoko mu gusenya Igihugu kugeza kuri Jenoside yakorewe Abatusti mu 1994; bafata imyanzuro ikurikira:

- Biyemeje kwirinda gukoresha amoko no kwamagana abayakoresha bagamije inyungu izo ari zo zose;
- Basabye Abanyarwanda kwirinda gukoresha amoko no kwamagana abayokoresha;
- Basabye Guverinoma n'Inteko Ishinga Amategeko kwihutisha gushyiraho itegeko rihana ivangura iryo ari ryo ryose;
- Bashimye ibikorwa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yari imaze kugeraho, bayishishikariza gukomeza kwigisha Abanyarwanda kwirinda amacakubiri no kuyamagana;
- Biyemeje gukangurira abayoboze b'Imitwe ya Politiki yabo, kwirinda no kwamagana amacakubiri mu Rwanda;
- Biyemeje gutoza Abanyarwanda umuco mwiza, kugira ngo barusheho kugira umutima wa kimuntu;
- Basanze abanyapolitiki babi ari bo bashenye Igihugu, bababazwa n'ibyabaye, babisabira imbabazi, kandi biyemeza guharanira ko bitazongera.

2.1.2. Ikibazo cy'ubuyobozi

Ku kibazo cy'ubuyobozi, abayobozi b'Imitwe ya Politiki basanze ko kuva kera ubuyobozi bwagiye busimburana mu Rwanda butaritaye bihagije ku nyungu z'abaturage, bukoresha ahanini ibibatandukanya aho gukoresha ibibahuza. Basanze kuva aho Guverinoma y'Ubumwe bw'Abanyarwanda igiriyeho muri 1994 hari byinshi byari bimaze gukorwa mu miyoborere myiza y'Igihugu, birimo: gucyura impunzi, kugarura umutekano mu Rwanda, gushyiraho inzego z'ubuyobozi, gushimangira demokarasi, n'ibindi. Nyuma yo kugaragaza ibi byari bimaze kugerwaho, aba banyapolitiki bafashe imyanzuro ikurikira:

- Basabye kwihutisha gushyiraho amategeko mbonezabupfura (Code de conduite politique) agenga Abanyapolitiki n'imitwe ya Politiki. Ibi babisabye bashingiye ku ruhare runini Imitwe ya Politiki igira mu miyoborere y'Igihugu;
- Basabye Guverinoma gukomeza gushyiraho ingamba zo kugira ngo abaturage barusheho kugira uruhare mu miyoborere y'Igihugu;
- Basanze demokarasi ari bwo buryo bwiza bwo kuyobora Igihugu, kuko iha abaturage uruhare rusesuye mu bikorerwa abaturage mu izina ryabo. Basanze kandi uburyo urwo ruhare rugerwaho bugenda butandukana, bitewe n'Igihugu biyemeza **gushakira hamwe uburyo bubereye Igihugu cyacu;**

- **Aba banyapolitiki basanze ubuyobozi buhuriweho n’Imitwe ya politiki ari uburyo bwiza bwo kuyobora Igihugu cyaranzwe n’amacakubiri;** bashima ibyo Leta y’Ubumwe bw’Abanyarwanda yari imaze kubagezaho, biyemeza gukomeza kuyishyigikira.

2.1.3. Ikibazo cy’Ubumwe bw’Abanyarwanda

Ku kibazo cy’ubumwe bw’Abanyarwanda, abayobozi b’Imitwe ya Politiki basanze nyuma y’amateka yaranzwe n’amacakubiri yagejeje Abanyarwanda kuri Jenocide yakorewe Abatutsi muri 1994, ubumwe n’ubwiyunge ari yo nzira nyayo yo kugera ku mutekano n’amahoro, byo soko y’amajyambere arambye y’u Rwanda. Basanga kugira ngo ubwo bumwe n’ubwiyunge bigerweho bagomba:

- Kwisuzuma by’ukuri no kwiyunga n’umutimanama wabo;
- Kwatura bakavugisha ukuri ku buryo busesuye;
- Kwihana babikuye ku mutima;
- Kwiyemeza kudasubira mu byaha;
- Gusaba imbabazi;
- Gusaba imbabazi z’ibyaha bakoze ku giti cyabo (péch  par action)
- Gusaba imbabazi z’ibyaho birengagije gukora (p ch  par omission)
- Gusaba imbabazi z’ibyaha byakozwe mu izina ryabo;
- Gutanga imbabazi mu gihe bazisabwe;
- Guhamagarira buri munyarwanda gukora ibyo bikorwa bitandukanye;
- Kubaka u Rwanda;
- Basabye Abanyarwanda bose ndetse n’abanyamahanga kugira uruhare mu nzira y’ubumwe n’ubwiyunge.

2.1.4. Ikibazo cy’ubutabera

Ku kibazo cy’ubutabera, abayobozi b’Imitwe ya Politiki biyemeje gushyigikira ubutabera bwunga, buca umuco wo kudahana(guhana icyaha, kutongera kugikora, gutanga indishyi,..) kandi bwubaka imibanire myiza y’Abanyarwanda(kugorora, kungwa mu muryango w’Abanyarwanda,..). Bashingiye ku buremere bw’iki kibazo, aba banyapolitiki bemeje ko habaho indi nama yaguye ihuriweho n’izindi nzego z’ubuyobozi, zirimo:

- Ihuriro ry’Imitwe ya Politiki yari yemewe mu Rwanda;
- Guverinoma y’Ubumwe bw’Abanyarwanda;
- Komisiyo z’Inteko Ishinga Amategeko zirebana n’ikibazo cy’ubutabera;
- Urukiko rw’ikirenga;
- n’izindi nzego bireba.

Bemeje ko Komisiyo y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge ari yo yategura iyi nama.

Muri iyi nama, abayobozi b'Imitwe ya Politiki bishimiye uburyo babwizanye ukuri n'ubwisanzure, kandi biyemeza gukomeza kwiga ibibazo bikomereye Igihugu mu buryo ubwo ari bwo bwose. N'ubu iyi nshingano irakorwa mu Ihuriro.

2.2. Inama ya mbere y'Ihuriro yateranye tariki ya 25/07/2003

Ikindi kigaragaza ubushake bw'Ihuriro n'Imitwe ya politiki irigize mu guteza imbere umuco w'ibiganiro bya politiki no gushaka ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu, byareberwa no mu byaganiriweho mu nama ya mbere y'Ihuriro nyuma y'uko ryemejwe n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda mu 2003.

Inama ya mbere y'Ihuriro yateranye tariki ya 25 Nyakanga 2003, ibera muri "*Club Maman Sportives*" i Kigali, iyoborwa na Honorable Bazivamo Christophe wari Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu icyo gihe. Inama yitabiriwe n'abayobozi bakuru b'Imitwe ya Politiki, ishyiraho inzego z'agateganyo z'ubuyobozi bw'Ihuriro; yungurana ibiterezo ku mikorere y'Imitwe ya politiki, inatangwamo ikiganiro ku bumwe n'ubwiyunge by'Abanyarwanda.

Mu **gushyiraho inzego z'agateganyo z'ubuyobozi bw'Ihuriro**, hemejwe aba bakurikira: ku mwanya w'Umuvugizi w'Ihuriro, Hon.Ngarambe Francois, yatanzwe n'Umutwe wa Politiki FPR Inkotanyi. Ku mwanya w'Umuvugizi wungirije Hon. Dr Iyamuremye Augustin, yatanzwe n'Umutwe wa Politiki PSD; naho Bwana Kayigema Anicet yemezwa ku mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa, akaba yatanzwe n'Umutwe wa politiki PL. Izi nzego z'agateganyo zayoboye amezi atandatu (6); nyuma hatorwa inzego z'ubuyobozi bw'Ihuriro hakurikijwe Amategeko yarigengaga muri icyo gihe.

Ku birebana n'**imikorere y'Imitwe ya Politiki yiteguraga kwinjira mu bihe by'amatora y'abadepite**, abanyapolitiki basabwe kubahiriza amategeko agenga imikorere y'Imitwe ya Politiki, basabwa kwirinda icyo ari cyo cyose cyakurura imvururu n'umwiriyane. Bagirwa inama yo guhatana mu gihe cyo kwiyamamaza ariko bakirinda icyo ari cyo cyose cyahungabanya ituze n'umutekano w'Abanyarwanda.

Ku birebana n'**ubumwe n'ubwiyunge** bw'Abanyarwanda, Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge yasabye Imitwe ya Politiki ubufatanye buhoraho kugira ngo bakomeze gusigasira ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda. Kuri iyi ngingo hafashwe umwanzuro, ko buri munyarwanda afite inshingano zo kureba ko nta muntu ubangamira ubumwe bw'Abanyarwanda, no gushyikiriza inzego zibishinzwe uwo ari we wese uzafatwa abangamiye ubumwe bw'Abanyarwanda. Abayobozi b'Imitwe ya Politiki biyemeje kwigisha abayoboze babo uburere mboneragihugu no kwirinda invugo zose zatuma abantu bongera kuryana.

2.3. Ubwumvikane bw'Imitwe ya Politiki bwo ku itariki ya 04 Nzeri 2003

Mu rwego rwo gukomeza guteza imbere ubwumvikane, ituze muri politiki, amahoro no gukora politiki yubaka, tariki ya 04 Nzeri 2003, habaye ubwumvikane bw'Imitwe ya

politiki igize Ihuriro ku mikoranire n'ibyo yagombaga kubahiriza mu gihe cy'amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko yategurwaga muri uwo mwaka.

Mu kungurana ibitekerezo no kwibukiranya ibyateganywaga n'amategeko agenga imyitwarire ikwiye kuranga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki mu gihe cy'amatora, abayobozi b'Imitwe ya Politiki basanze ibihe by'ihigana muri politiki ari ibihe umunyapolitiki cyangwa umutwe wa politiki bategetswe cyane cyane:

- Kwirinda imvugo, inyandiko n'ibikorwa ibyo ari byo byose bishingiye cyangwa biganisha ku ivangura n'amacakubiri;
- Gutoza abayoboze bawo kujya mu ihiganwa mu mahoro n'ubwubahane nta muvundo;
- Kubaha abo bahiganwa ntibabandagaze cyangwa ngo babasebye;
- Kuvugisha ukuri igihe cy'ihiganwa;
- Kumenyeshya Abanyarwanda amahame remezo na gahunda byawo bigamije kubaka Igihugu;
- Kwirinda kwangiza impapuro z'amatora, kwiba amajwi no guhungabanya igikorwa cy'itora cyangwa icy'ibarura ry'amajwi;
- Kwirinda kuburana amahugu cyangwa gusebya igikorwa cyakozwe mu buryo bwubahirije amategeko;
- Kunyura mu nzira zateganyijwe n'amategeko no kubahiriza icyemezo ndakuka cy'urwego rubifitiye ububasha igihe hari ingingimira zabonetse mu matora;

Aba banyapolitiki baganiriye ku bishobora gutera amacakubiri mu bihe by'amatora babifatira ingamba. Basanze ayo macakubiri yarashoboraga guterwa n'imyumvire n'imikoranire mibi y'abayoboze b'Imitwe ya politiki n'abakandida bigenga igihe cy'amatora y'abadepite n'abasenateri yategurwaga. Ikindi, basanze ayo macakubiri yarashoboraga guterwa n'uburyo bwo kwiyamamaza.

Mu gushaka ingamba zituma ibyo Imitwe ya politiki yagezeho mu gihe cy'inzibacyuho bidasenyuka mu gihe cy'amatora yategurwaga:

- Basanze ubufatanye bwari bwaranze Imitwe ya Politiki mu gihe cy'itora rya Perezida wa Repubulika muri 2003, bwarashimwe n'abaturage, biyemeza gukomeza kurangwa n'iyi mikoranire kugira ngo abaturage bakomeze kuyigirira icyizere;
- Basanze inyungu z'Imitwe ya politiki yapiganirwaga amajwi zidakwiye kujya hejuru y'inyungu z'Igihugu;
- Imitwe ya Politiki yasabwe kwirinda gusebanya no gushotorana;
- Buri Mutwe wa politiki wasabwe kugaragariza abaturage (abatora) ingengabitekerezo yawo na gahunda y'ibikorwa byawo kugira ngo abaturage bazabashe kwihitiramo bafite impamvu;
- Bemeje ko mu gihe cyo kwiyamamaza, bibujijwe guhatira Abanyarwanda kuva mu mutwe wa Politiki bakajya mu wundi mutwe wa politiki ku gahato, ari byo byakunze kwitwa "kubohoza";

- Imitwe ya Politiki yasabwe kumenya ko kuba umuntu adafite umutwe wa politiki abarizwamo cyangwa umuyoboke w'umutwe wa politiki uyu n'uyu, yaje kumva ibitekerezo by'undi mutwe wa politiki bitavuga ko uwo muturage cyangwa uwo muyoboke "bamubohoje"ko ahubwo ari umuco wo kubamenyereza kumva ibitekerezo binyuranye no kubafasha kwihitiramo ibitekerezo bibanogeye. Icyo gihe mu Ihuriro ry'Imitwe ya Politiki, hashyizweho itsinda rizakurikirana ibikorwa byo kwiyamamaza kandi rigakorera mu gihugu hose.

2.3.1. Ingamba zo kunoza uburyo bwo kwiyamamaza muri icyo gihe

Abayobozi b'Imitwe ya politiki bafashe ingamba zagombaga gukurikizwa kugira ngo kwiyamamaza bizagende neza, zirimo ko:

- Buri mutwe wa politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki byagombagaga kugira porogaramu politiki yanditse kugira ngo umuyoboke wawo atavaho yivugira ibye; yatana umutwe wa politiki we ukerekana ko yavuze ibitari ibyawo;
- Buri mutwe wa politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki n'abakandida bigenga bagombaga gutanga gahunda yanditse y'aho bazakoresha inama kugira ngo hatazagira uwitakana undi ko yahejwe mu duce tumwe na tumwe tw'Igihugu cyangwa ko yabujijwe kwiyamamariza ahantu runaka;
- Basabye Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Imibereho myiza y'abaturage (MINALOC) kwibutsa abayobozi b'Intara n'ab'Uturere inshingano zabo zo kwakira neza buri mutwe wa politiki wose igihe uje kwiyamamariza mu duce bayobora;
- Basabye inzego zibishinzwe guha Imitwe ya politiki yose umwanya ungana kuri Radiyo Rwanda na Televiziyo y'Igihugu mu gihe kibereye ibiganiro no mu binyamakuru bya Leta byandikwa.

2.3.2. Ubutumwa bwatangwaga mu gihe cyo kwiyamamaza

Imitwe ya politiki muri kiriya gihe yanumvikanye k'ubutumwa bwagombaga gutangwa mu gihe cyo kwiyamamaza. Buri mutwe wa politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki, uretse umwihariko wa porogaramu politiki yawo, wagombaga gutanga ubutumwa bushingiye kuri ibi bikurikira:

- Ubumwe n'ubwiyunge by'Abanyarwanda;
- Gushimangira ibyagezweho mu nzibacyuho;
- Gushimangira amahame remezo ya Leta y'Ubumwe.

2.3.3. Ingamba zo kurwanya amacakubiri

Mu bwumvikane hagati y'Imitwe ya politiki, bafatiye hamwe ingamba zo kurwanya amacakubiri;aho bumvikanye ko:

- Imitwe ya politiki yose yagombaga gukomeza kurwanya ingengabitekerezo y'amacakubiri n'ibyo agaragariramo byose. Abayobozi b'Imitwe ya politiki bemeje ko igihe hari umuyoboze w'umutwe wa politiki uyu n'uyu cyangwa uw'ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki ugaragaweho imvugo cyangwa imikorere y'amacakubiri, Ihuriro ry'Imitwe ya Politiki ryagombaga kumufatira ibyemezo rigendeye ku itsinda ryari rishinzwe gukurikirana iby'iyamamaza ryarigejeho no gusaba ko umutwe wa politiki akomokamo umuvana mu ikipe yawo y'abashinzwe kwamamaza;
- Bemeje ko abagaragaweho imvugo n'imigirire igamije gusubiranishamo Abanyarwanda, baja kandi bakurikiranwa n'inkiko.

Muri macye, inama zose zakozwe n'abayobozi b'Imitwe ya politiki ndetse n'ubwumvikane bwabaye hagati y'Imitwe ya Politiki, bigaragaza ubushake bwa politiki bwo kubaka Igihugu cyari cyarashegeshwe na politiki mbi.

3. Ihuriro ry'Imitwe ya Politiki mu gihe cy'Inzibacyuho na nyuma yayo

Mu gihe cy'inzibacyuho Ihuriro ryagize imikorere ituma Imitwe ya politiki irigize ibona urubuga rwo gutangiramo ibitekerezo ku miyoborere y'igihugu. Ihuriro ryemejwe nk'Urwego rwigenga mu gihe hatorwaga Itegeko Nshinga ryo muri 2003.

3.1. Ihuriro mu gihe cy'inzibacyuho

Muri icyo gihe, Imitwe ya politiki yari igize Ihuriro, yarahuraga ikaganira ikagira n'ibyo yumvikanaho bigomba gukorwa mu rwego rwa politiki. Mu byihutirwaga bari bihayeho inshingano, zirimo:

- Gusuzuma no kwemeza kandidatire z'abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko y'inzibacyuho;
- kumvikana ku bagomba gushyirwa mu myanya y'ubuyoyobozi bishingiye kw'ihame ryo gusangira ubutegetsi (Bourgmestres, S/Prefets na Prefets ...);
- kuganira ku mikorere y'amashyaka (ex: inama yo kuwa 31/5/95: kuguma ku rwego rw'Igihugu);
- kuganira ku mutekano (abacengezi) n'imibereho y'abaturage (impfubyi, impunzi...). Ibi byaganiriweho mu nama yahuje Imitwe ya Politiki yari igize Ihuriro yabaye tariki ya 21 Kamena 1995.

3.2. Ihuriro ryemejwe n'Itegeko Nshinga ryo kuwa 04 Kamena 2003

Ihuriro ryagize uruhare rukomeye cyane mu miyoborere y'igihugu mu gihe cy'inzibacyuho no mu gutegura gusohoka muri iyo nzibacyuho mu ituze. Ni muri urwo rwego habaye ibiganiro ku:

- kongera igihe cy'inzibacyuho (1999-2003);
- uruhare rw'imitwe ya politiki mu gusohoka mu nzibacyuho

Kubera ko bari bamaze kubona akamaro k' Ihuriro mu gushimangira umuco wo gusangira ubutegetsu no gukora politiki mu bwumvikane nta guhanganyishwa abaturage, Abanyarwanda b' ingeri zitandukanye, igihe batangaga ibitekerezo ku Itegeko Nshinga, bashyigikiye y'uko Ihuriro ryagumaho na nyuma y'inzibacyuho.

Ni yo mpamvu Ihuriro ryemejwe n'Itegeko Nshinga rya Republika y'u Rwanda ryo kuwa 4 Kamena 2003 (ingingo ya 56), no mu ivugururwa ryo muri 2015 (ingingo ya 59).

Ihuriro kandi riteganywa n'Itegeko Ngenga n° 10/2013 OL ryo kuwa 11 Nyakanga 2013 ryahinduwe n'Itegeko Ngenga n° 005/2018 OL ryo kuwa 30 Kamena 2018 rigenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki.

Intekerezo Politiki (philosophie politique) Ihuriro rishingiyeho tuyisanga mu Masezerano y' Amahoro y'Arusha, cyane cyane mu masezerano yerekeye Leta nyubahirizategeko, ahagira hati: *"Impande zombi zemera ko Igihugu kirangwa na demokarasi cyemera n'ibitekerezo binyuranye (pluralisme) kuko ari byo bigaragaza ubwigenge bwa buri muntu kandi bikagomba kubahiriza ubumwe bw'abenegihugu n'uburenganzira remezo bw'umuturage"*(art 13).

Ahandi dusanga iyi ntekerezo ni mu masezerano yerekeye igabana ry'ubutegetsu, ahagira hati: *"Impande zombi zongeye guhamya ko zemeye ihame ryo kugabana ubutegetsu muri guverinoma..."*(art 1).

Ahandi tuyisanga ni mu *Amategeko mbonezabupfura mu bya politiki amashyamba ya politiki agomba gukurikiza mbere yo kujya mu nzego z'inzibacyuho, yiyemeza mu nyandiko isinywe n'abayahagarariye bemewe* (art 80).

Ayo mategeko mbonezabupfura (Code d'Ethique) akaba yarashimangiraga:

- Kugendera ku bitekerezo binyuranye nta guhangana;
- Gushaka iteka ubwumvikane binyuze mu biganiriro;
- Guharanira Ubumwe bw'Abanyarwanda.

Umutwe wa politiki utarashyize umukono kuri aya masezerano ntiwashoboraga kujya mu nzego z'inzibacyuho. Nicyo cyabaye ku ishyamba CDR (Coalition pour la Defense de la Republique).

3.3. Imikorere y'Ihuriro n'inzego zirigize

3.3.1. Imikorere y'Ihuriro

Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryemejwe n'Itegeko Nshinga rya Republika y'u Rwanda ryo mu 2003, ryavugururwa mu 2015, rikaba rihuza Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda yabisabye ku bushake kandi yemeye kubahiriza ibitekerezo n'amategeko ngengamikorere y'Ihuriro.

Ihuriro ni urwego rwigenga mu micungire y'abakozi n'umutungo kandi rufite ubwisanzure mu bitekerezo no mu gufata ibyemezo mu buryo butanyuranyije n'amategeko.

Ihuriro rigizwe n'Imitwe ya Politiki cumi n'umwe (11) yemewe mu Rwanda kandi yemeye kubahiriza ibiteganywa n'Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro.

Inshingano y'Ihuriro ni ugutuma imitwe ya politiki irigize yungurana ibitekerezo no kugira uruhare mu kubaka ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu(ingingo ya 59 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2013 ryavuguruwe mu 2015)n'ingingo ya 50 y'Itegeko Ngenga no 10/2013 OL ryo kuwa 11/7/2013 ryahinduwe n'Itegeko Ngenga no 005/2018 OL ryo ku wa 30/08/2018 rigenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki). By'umwihariko, Ihuriro rifite inshingano z'ingenzi zikurikira:

1. Kuba urubuga ruhuza Imitwe ya Politiki yabisabye kugira ngo yungurane ibitekerezo bya politiki byakwifashishwa mu miyoborere y'Igihugu;
2. Gufasha Imitwe ya Politiki ifite abayihagarariye mu Nteko Ishinga Amategeko n'itabafite igira aho ihuriza ibitekerezo byubaka Igihugu no gukurikiranira hafi politiki n'imiyoborere y'Igihugu;
3. Gutuma Imitwe ya Politiki yungurana ibitekerezo ku bibazo biremereye Igihugu, imyanzuro ivuyemo igashyikirizwa, hashingiwe ku miterere y'ikibazo, ukuriye Guverinoma, ukuriye Inteko Ishinga Amategeko Umutwe wa Sena n'Umutwe w'Abadepite, n'ukuriye urwego rw'Ubucamanza kugira ngo bayifashishe mu miyoborere y'Igihugu;
4. Gutuma abari mu Mitwe ya Politiki baba intangarugero muri politiki y'ubumwe n'ubwiyunge, kurwanya ivangura n'amacakubiri; kandi imikorere yabo igashimangira icyizere abaturage bagirira Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki;
5. Gutuma Imitwe ya Politiki irigize ihuriza hamwe imbaraga zo kurwanya ibitekerezo umwanzu w'Igihugu yakoresha atera u Rwanda cyangwa abiba amacakubiri mu Banyarwanda;
6. Kunganira Leta mu gukangurira abaturage ubufatanye cyane mu gihe cy'amakuba;
7. Guteza imbere umwuga wa politiki;
8. Gushyiraho abasenateri bane (4) nk'uko biteganywa n'ingingo ya 80 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015;
9. Gushimangira ihame ryo gusangira ubutegetsu no gutoza abanyapolitiki n'abandi baturage umuco wo kubona ko uwo muhiganwa atari umwanzu ko ahubwo mwafatanyaga mu bitekerezo byubaka;
10. Kuba umuhuza mu bibazo bivutse hagati y'Imitwe ya Politiki, cyangwa mu Mutwe wa Politiki mbere y'uko bishyikirizwa inkiko, bisabwe Ihuriro.

3.3.2. Inzego zigize Ihuriro

3.3.2.1. Inama Rusange

Inama Rusange ni urwego rukuru rw'Ihuriro, igizwe n'Imitwe ya Politiki yose iri mu Ihuriro.

Buri Mutwe wa Politiki uhagararirwa n'abantu bane (4), muri bo umwe (1) nibura agomba kuba ari mu rwego rw'ubuyobozi bukuru bwawo, kandi babiri (2) nibura ari abagore.

Inama Rusange isanzwe y'Ihuriro iterana rimwe mu mezi atatu (3).

Ibyemezo by'Inama Rusange y'Ihuriro bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'Imitwe ya Politiki yaje mu nama. Iyo butabonetse, inama yongera gutumizwa ku nshuro ya kabiri ku ngingo zitumvikanyweho, nanone ubwumvikane butabonetse, impaka kuri izo ngingo zisubikwa nibura igihe cy'inama ebyiri (2) zitarongera kugibwaho impaka.

Mu gufata ibyemezo buri mutwe wa politiki ufite ijwi rimwe ringana.

3.3.1.2. Biro y'Ihuriro

Biro y'Ihuriro igizwe n'Umuvugizi waryo n'Umuvugizi wungirije batorwa n'Inama Rusange buri wese ku giti cye kandi hakurikijwe ihame ryo gusimburana kw'Imitwe ya Politiki ku buyobozi bw'Ihuriro.

Abakandida batangwa n'Imitwe ya Politiki igize Ihuriro kandi batorwa mu Mitwe ya Politiki itandukanye. Batorerwa manda y'amezi atandatu (6) idashobora kongerwa. Nibura umwe mu bagize Biro agomba kuba ari igitsina gore.

Inama ya nyuma ya buri manda ya Biro y'Ihuriro niyo itora Umuvugizi n'Umuvugizi wungirije b'Ihuriro.

3.3.1.3. Komisiyo

Ihuriro rigira Komisiyo zihoraho. Izo Komisiyo ni izi zikurikira :

- Komisiyo mbonezabupfura no gukemura amakimbirane;
- Komisiyo ishinzwe gahunda, ibikorwa by'Ihuriro n'ubufatanye n'izindi nzego;
- Komisiyo ishinzwe itumanaho no kungurana ibitekerezo.

Buri Komisiyo igizwe n'abantu barindwi (7), kandi abahagarariye Umutwe wa Politiki umwe ntibashobora gutorerwa kujya muri Komisiyo imwe ihoraho y'Ihuriro. Uburyo baja muri Komisiyo bugenwa n'Inama Rusange.

Manda y'abagize Komisiyo ni imyaka itanu (5) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa. icyakora, nyuma y'iki gihe, ugize Komisiyo ashobora gutorerwa kujya mu yindi Komisiyo n'Inama Rusange nta mbongamizi.

Abagize Komisiyo bitoramo Biro yayo igizwe na Perezida na Visi Perezida.

3.3.1.4. Ubunyabanga Nshingwabikorwa

Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Ihuriro bugizwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abakozi ba ngombwa bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa atorwa ku giti cye n'Inama Rusange y'Ihuriro mu bakandida batangwa n'Imitwe ya Politiki igize Ihuriro. Atorerwa manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.

Imirimo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ntibangikanywa n'umwanya wo kuba mu nzego nkuru z'Umutwe wa Politiki akomokamo.

Abakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa bagengwa n'Itegeko rigenga umurimo mu Rwanda, amategeko n'amabwiriza bigenga Ihuriro. Bashyirwaho binyuze mu ipiganwa mu

buryo buteganywa n'amabwiriza agena igitabo cy'uburyo bw'imicungire y'abakozi, imari n'umutungo by'Ihuriro.

4. Uruhare rw'Ihuriro mu guteza imbere demokarasi y'ubwumvikane

4.1. Umuco w'ibiganiro n'ubwumvikane mu Ihuriro

Uruhare rw'Ihuriro mu guteza imbere demokarasi ishingiyeye ku bwumvikane rugaragarira mu biganiro no mu byemezo bifatwa n'Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro.

Nakwibutsa ko urwo ruhare rwagaragaye mu nama zinyuranye twavuze muri iki kiganiro; nk'inama y'abakuru b'imitwe ya politiki yabereye ku Gisenyi ku matariki ya 27-30/04/2001. Aho abari mu nama basanze ubuyobozi buhuriweho n'imitwe ya politiki ari uburyo bwiza bwo kuyobora Igihugu cyaranzwe n'amacakubiri, bakishimira ibyo Leta y'Ubumwe bw' Abanyarwanda yagejeje ku banyarwanda, bakiyemeza gukomeza kuyishyigikira.

Hari nanone ubwumvikane bwabaye muri Nzeri 2003 hagati y'Imitwe ya politiki yari igize Ihuriro, n'ibyo yagombaga kubahiriza mu gihe cy'amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko. Ubu bwumvikane bwabaye umwitozo mwiza mu rwego rwa politiki kuko bwabayeho nyuma y'uko Abanyarwanda bari bamaze kwemeza ko Ihuriro ribaho mu Itegeko Nshinga bakanariha inshingano zo kuja baganira ku bibazo bya politiki, bakabishakira ibisubizo mu nzira z'ibiganiro. Ndetse bagashimangira n'ihame ryo gusangira ubutegetsi mu rwego rwa politiki nta guheza.

Ihuriro ryagize uruhare mu gufasha imitwe ya politiki gutegura porogaramu politiki zayo no kwiyamamaza mu matora anyuranye, yaba amatora ya Perezida wa Repubulika, yaba n'amatora y'Abadepite.

Ihuriro rigira uruhare mu migendekere myiza y'amatora aho buri mwaka w'amatora ategurwa ku rwego rw'Igihugu, Ihuriro ryohereza indorerenzi ijana zigizwe ahanini n'intumwa z'Imitwe ya politiki kugira ngo zikurikirane imyiteguro n'imigendekere myiza y'Amatora mu Turere twose tw'u Rwanda.

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 80 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015, Ihuriro rishyiraho Abasenateri bane (4) bajya mu Nteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena.

Ihame ngenderwaho ni uko Umutwe wa Politiki uri mu Ihuriro wemerewe gutanga umukandida ku mwanya w'ubusenateri hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko Ngenga rigenga amatora ndetse n'Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro. Uburyo bukoreshwa mu kubashyiraho bukaba bwumvikanwaho n'Inama Rusange.

4.2. Uko Ihuriro riteza imbere umwuga wa politiki

Ihuriro rigira uruhare mu kongerera imitwe ya politiki n'abanyapolitiki ubumenyi n'ubushobozi mu rwego rwa politiki. Ni muri uru rwego Ihuriro ritera inkunga Imitwe ya Politiki iririmo muri gahunda zikurikira:

1. Guhuza no kungurana ibitekerezo bya politiki ku miyoborere y'Igihugu, kuganira ku bibazo biremereye Igihugu no kurwanya amakimbirane n'amacakubiri;
2. Guhugura abayoboze b'Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki mu mwuga no mu bumenyi bwa politiki, no mu burere mboneragihugu.

Ihuriro ritera inkunga y'imari n'ibikoresho imitwe ya politiki irigize mu kubona n'ibyangombwa bikenerwa mu mahugurwa y'abayoboze bayo, kubera ko imitwe ya politiki idafite uburenganzira bwo kwakira impano y'amahanga cyangwa y'ibigo by'ubucuruzi.

Ikindi ni uko:

- Imitwe ya politiki yongerewe ubushobozi mu gutegura neza porogaramu politiki na manifeste zayo mu bihe by'amatora;
- Abayoboze b' imitwe ya politiki bahawe ubumenyi ku mikorere n'iterambere ry' imitwe ya politiki, ubuyobozi n'imiyoborere n'ubukangurambaga mu bya politiki;
- Hashyizweho gahunda y' amahugurwa y'urubyiruko mu bumenyi n'ubuhanga mu bya politiki n'imiyoborere myiza "Youth Political Leadership Academy". Kuva iyi gahunda y'amahugurwa yatangiye muri 2010, abasore n'inkumi 1,116 baturuka mu Mitwe ya Politiki yose bamaze guhugurwa.

Buri mwaka, Ihuriro riteganya mu ngengo y'imari yaryo, inkunga igenewe gahunda z'amahugurwa zitegurwa n'imitwe ya politiki ubwayo.

5. Ibyo Ihuriro n'Igihugu byagezeho mu rwego rwa politiki

5.1. Kugira uruhare muri political stability

Ihuriro ryagize uruhare:

- Mu gutuma habaho ituze muri politiki (Political stability). Ibi kandi byarafashije cyane mu rwego rwa politiki kuko byatumye abaturage bagenda bagarurira icyizere Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki;
- Nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi Ihuriro ryagize uruhare rukomeye mu gushyiraho inzego z'ubutegetsi zizewe n'abaturage;
- ryatumye abaturage bareka kwishisha abanyapolitiki n'imitwe ya politiki;
- ryatumye Imitwe ya Politiki yose, n'itari mu Nteko, ibona urubuga rwo gutangiramo ibitekerezo byifashishwa mu miyoborere y'Igihugu.

5.2. Kugira uruhare mu miyoborere y'Igihugu n'iterambere ryacyo

Ihuriro ryagize uruhare rukomeye mu miyoborere y'Igihugu kuko rituma Imitwe ya Politiki yungurana ibitekerezo ku bibazo biremereye Igihugu, imyanzuro ivuyemo igashyikirizwa, inzego bireba (Guverinoma, Inteko Ishinga Amategeko Umutwe wa Sena n'Umutwe w'Abadepite, n'urwego rw'Ubucamanza) kugira ngo ziyifashishe mu miyoborere y'Igihugu.

Ikindi ni uko Ihuriro ryagiye rituma abari mu Mitwe ya Politiki baba intangarugero muri politiki y'ubumwe n'ubwiyunge, kurwanya ivangura n'amacakubiri; kandi imikorere yabo igashimangira icyizere abaturage bagirira Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki.

Ihuriro ryagize uruhare mu gutoranya abayobozi b'indakemwa no kugenzura imikorere yabo, nkuko nabisobanuye muri iki kiganiro.

Mu Ihuriro hariyeho hatagurwa ibiganiro binyuranye byibanze kuri politiki na gahunda z'Igihugu bigahuza abahagarariye Guverinoma n'Imitwe ya Politiki igize Ihuriro, kandi ugasanga ibitekerezo byabitangiye bifasha mu rwego rwo gutegura no gushyira mu bikorwa izo politiki na gahunda. Ingero zirahari, nk':

- Ibiganiro ku imbanzirizamishiga y'amategeko anyuranye cyane cyane itegeko rigenga Imitwe ya politiki n'itegeko rigenga amatora;
- Ikiganiro ku mikorere y'umuryango wa East African Community(EAC);
- Ikiganiro kuri Politiki y'ubuhinzi n'ubworozi;
- Ikiganiro kuri Politiki n'ingamba z'igihugu byo kwegera ubuyobozi n'ubushobozi abaturage;
- Ikiganiro kuri Politiki n'ingamba z'igihugu byo guteza imbere urubyiruko;
- Ikiganiro kuri Politiki n'ingamba z'igihugu byo guteza imbere ishoramari mu cyaro;
- Ikiganiro kuri Politiki n'ingamba z'igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge;
- Ikiganiro kuri Politiki n'ingamba z'igihugu byo kurwanya ibiyobyabwenge;
- N'ibindi.

6. Umusozo

Ihuriro n'Imitwe ya Politiki irigize byagize uruhare rugaragara mu guteza imbere demokarasi y'ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu. Ihuriro kandi rigira uruhare rukomeye mu guteza imbere imiyoborere myiza no gukemura ibibazo biciye mu nzira z'ibiganiro abanyapolitiki bireba babigizemo uruhare. Ni umuco mwiza ukwiye gukomeza kubakirwaho mu rwego rwa politiki.

Inyandiko zifashishijwe/ References

1. Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 ryavuguruwe mu 2015
2. Itegeko Ngenga n° 10/2013OL ryo ku wa 11/7/2013 ryahinduwe n'Itegeko Ngenga n° 005/2018 OL ryo ku wa 30 /08/2018 rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki
3. Amasezerano y'Amahoro y'Arusha 1993
4. Indangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki n'abayobokeye bayo, 2014
5. Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, 2018
6. Ubwumvikane bw'Imitwe ya Politiki ku mikoranire n'ibyo yagombaga kubahiriza mu gihe cy'amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko 2003
7. Imyanzuro y'inama y'abakuru b'Imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda yabereye ku Gisenyi kuva tariki 27 kugeza tariki ya 30 Mata 2001
8. Inyandikomvugo y'inama nyunguranabitekerezo ya mbere y'Ihuriro ry'Imitwe ya Politiki yabaye tariki ya 25 Nyakanga 2003
9. Hanspeter Kriesi, Varieties of Democracy: Proporzdemokratie, Consensus Democracy, Liberal Democracy and Direct democracy, 2015
10. Brian D. Williams university of California at Riverside, How consensual are consensus democracies? A reconsideration of the Consensus/ Majoritarian Dichotomy and a Comparison of Legislative Roll-Call Vote Consensus Levels from Sixteen Countries.